# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

GICURASI 2024

## ABAKOZI N'ABIKORERA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 MU CYAHOZE ARI PEREFEGITURA YA GIKONGORO BIBUTSWE, HANENGWA ABAYOBOZI N'ABAKOZI BAYIGIZEMO URUHARE



SOMA PAJI YA 11

SOMA PAJI YA 2

## ABANYAMURYANGO BA UNITY CLUB INTWARARUMURI BASUYE URWIBUTSO RWA JENOSIDE RWA MURAMBI



SOMA PAJI YA 12

## UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA GICURASI 2024 WIBANZE KU BIKORWA BYO KURWANYA ISURI





SOMA PAJI YA 16

## ABARI ABAKOZI B'URUGANDA RW'ICYAYI RWA KITABI (KITABI TEA FACTORY) BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BIBUTSWE

# ABANYAMURYANGO BA UNITY CLUB INTWARARUMURI BASUYE URWIBUTSO RWA JENOSIDE RWA MURAMBI



***Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi***

Ku wa 03 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi ruherereye mu Murenge wa Gasaka, mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu ijambo rye, Umuyobozi Wungirije wa Mbere wa Unity Club Intwararumuri, Honorable Kayisire Marie Solange, yagaragaje ko Abanyarwanda bakwiye kumenya, gusobanukirwa neza no kurinda amateka yabo; guhora basubiza amaso inyuma bakareba imiyoborere mibi yaranze Igihugu ari na yo yakigejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakamaganira kure icyo ari cyo cyose cyakurura amacakubiri n'umwiryane mu Banyarwanda.

Aha yashimangiye uruhare rw'ubuyobozi agira ati: "Kwibuka nk'abayobozi, ni inshingano zacu kugira ngo dukomeze guharanira imiyoborere myiza yimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda."



***Umuyobozi Wungirije wa Mbere wa Unity Club Intwararumuri, Honorable Kayisire Marie Solange***

Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi basuye, rufite umwihariko wo kugaragaza uruhare rw'ubutegetsi bubi mu mateka mabi y'itotezwa n'ubwicanyi byakorewe Abatutsi, bikagera kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



***Intwararumuri zunamiye imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 isaga ibihumbi 50 iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi***

## MBAZI: MU GIKORWA CYO KWIBUKA KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994, HASHYINGUWE MU CYUBAHIRO IMIBIRI 39 YABONETSE



*Hono. Senateri UWERA, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Meya NIYOMWUNGERI n'abandi Bayobozi batandukanye mu gikorwa cyo Kwibuka30 ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Mbazi*

Ku wa 04 Gicurasi 2024, ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Mbazi habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hashyingurwa mu cyubahiro imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi igera kuri 39 yabonetse.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye ko urubyiruko rwahatirwa kumenya amateka y'u Rwanda by'umwihariko aya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yaragize ati: "Mu mezi atatu cyangwa ane ashize, nashimishijwe n'ikiganiro Honorable Senateri Emmanuel HAVUGIMANA yahaye urubyiruko mu karere kacu, hariya mu Mujyi wa Nyamagabe. Si urubyiruko tuzi rwo mu mashuri asanzwe cyangwa Kaminuza, ahubwo ni rwa rundi rutagize amahirwe yo kwiga bihambaye. Ni urubyiruko rusanzwe rukora umurimo w'ubunyonzi, urupakurura imodoka zizana imizigo mu Mujyi, mbese ni urubyiruko tuzi ko ruciriritse.

Icyagaragaye ni inyota rwari rufite yo kubaza ibibazo ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, dore ko urwinshi rutari runayazi, maze rukabaza ruganisha ku cyo rwakora kugira ngo Jenoside itazongera ukundi mu Rwanda. Ibi byatweretse ko mu gihe urubyiruko ruzakomeza guhabwa amahirwe yo kumenya ibyabaye mu Rwanda mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, rugakangurirwa kandi rugasabwa kubumbatira ubumwe bwacu, ruzabikora. N'urubyiruko rwa hano i Mbazi rwabikora kandi rurabishoboye. Kwibuka, ni icyo ngicyo bigamije. Mureke duharanire kumenya amateka yacu, tuvanemo ubumenyi buzaduha imbaraga zo guhinyuza uwo ari we wese washaka kutuyobya yewe n'iyo yaba umubyeyi wacu. Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe, tubijeje ko tuzategurira ibiganiro nk'ibi urubyiruko rwa hano i Mbazi".



*Meya NIYOMWUNGERI yasabye ko urubyiruko rwarushaho kwigishwa amateka y'u Rwanda*

Honorable Senateri Emmanuel HAVUGIMANA yatanze ikiganiro ku itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko mu cyahoze ari Komini Rukondo, ubu hakaba ari mu Murenge wa Mbazi.

Honorable Senateri Uwera Pélagie wari n'Umushyitsi Mukuru muri iki gikorwa, we yasabye abafite amakuru y'ahakiri imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itarashyingurwa mu cyubahiro kuyatanga, abizeza kurindirwa umutekano.




*Senateri UWERA yasabye abafite amakuru y'ahakiri imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itarashyingurwa mu cyubahiro kuyatanga, abizeza kurindirwa umutekano*

Igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Mbazi cyari cyitabiriwe kandi na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, Uwungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo w'Akarere, Bwana NDAYAMBAJE Aimé Joël, abagize Inama Njyanama y'Akarere, abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, abahagarariye Amadini n'Amatorero n'abandi Bayobozi mu nzego zitandukanye, cyasojwe no gushyingura mu cyubahiro imibiri 39 y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yabonetse.



*Igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Mbazi cyasojwe no gushyingura mu cyubahiro imibiri 39 yabonetse*

# NYAMAGABE: ABAFANA B'IKIPE YA LIVERPOOL FC BO MU RWANDA BAREMEYE IMIRYANGO 5 Y'ABACITSE KU ICUMU RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 ITISHOBOYE




***VM ASOC UWAMARIYA yakiriye abafana ba Liverpool FC basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi***

Ku wa 12 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye itsinda ry'abafana b'ikipe y'umupira w'amaguru ya Liverpool FC ikina muri shampiyona y'icyiciro cya mbere mu Bwongereza basuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi ruherereye mu Murenge wa Gasaka, banaremera imwe mu miryango y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itishoboye.

Aba bafana ba Liverpool FC babanje gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, bazengurutswa ibice birugize ari na ko basobanurirwa amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 y'aha i Murambi.

Nyuma yo gusura uru Rwibutso, aba bafana ba Liverpool FC baremeye imiryango 5 y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itishoboye yo mu Murenge wa Gasaka aho buri muryango bawuhaye inka.



***Nyuma yo gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, abafana ba Liverpool FC baremeye imwe mu miryango yarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itishoboye***

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yashimiye aba bafana ba Liverpool FC ku gikorwa cyiza bakoze cyo kuremera abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batishoboye no gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi mu rwego rwo kurushaho gusobanukirwa amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.



***Imiryango 5 y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yo mu Karere, ni yo abafana ba Liverpool FC baremeye***

## MUSHUBI: HIBUTSWE ABAGORE N'ABANA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994



***VM FED HABIMANA yifatanyije n'abaturage bo mu Mirenge ya Mushubi na Musebeya mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko abagore n'abana***

Ku wa 19 Gicurasi 2024, mu Murenge wa Mushubi habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko abagore n'abana biciwe mu Kigo Nderabuzima cya Mushubi.

Bwana Thaddée HABIMANA, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu akaba ari nawe wari Umushyitsi Mukuru muri iki gikorwa yavuze ko kwica abagore n'abana ari ikimenyetso cy'uko umugambi wa Jenoside wari uwo kurimbura Abatutsi.

Yaragize ati: "Uyu munsi, turibuka umwihariko wa hano kuko hiciwe abagore n'abana benshi.

Abagore n'abana bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi ni ikimenyetso cy'uko umugambi wa Jenoside wari uwo kurimbura Abatutsi.

Abagore babyara, bagaheka, bakarera kandi barerera u Rwanda, bamye ari abo kurindwa ikibi cyose ariko cyane cyane urupfu.

Abana barimo abaziranenge biganjemo impinja, ibitambambuga, abanyeshuri, ingimbi n'abangavu nabo babaga ari icyizere cy'amaboko y'u Rwanda, bakarindwa ikibi cyose. Nyamara bose bishwe nta mbabazi, bicwa batazi icyo bazira. Turabibuka, tubasubiza icyubahiro bambuwe kandi turakomeza abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi".

Kwica abana ni igisobanuro cy'ubukana bw'inyigisho mbi, zari zarahawe abantu mu itegurwa rya Jenoside. Aya mateka aduha umukoro wo kwigisha birenze urukundo mu bantu".

Igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 i Mushubi, cyasojwe no kunamira imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 isaga ibihumbi 14 iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Mushubi no gushyira indabo ku kimenyetso cy'ahiciwe abagore n'abana ku matariki ya 19 na 20 Gicurasi 1994 giherereye mu Kigo Nderabuzima cya Mushubi.



***VM FED ashyira indabo ahiciwe abagore n'abana bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

## IMIRENGE YA GASAKA NA KADUHA YAKOREWE ISUZUMA KU BYAKOZWE MU MARUSHANWA Y'ISUKU N'ISUKURA, UMUTEKANO NO KURWANYA IGWINGIRA MU BANA



***Meya NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Abayobozi b'Akarere Bungirije yakiriye itsinda ryakoze isuzuma ku byakozwe mu marushanwa y'isuku n'isukura, umutekano no kurwanya igwingira mu bana ryari riturutse ku rwego rw'igihugu***

Ubuyobozi bw'Akarere bwakiriye itsinda ryakoze isuzuma ry'ibyakozwe mu marushanwa y'isuku n'isukura, umutekano, kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana ryari riturutse ku rwego rw'Igihugu.

Ku wa 21 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye itsinda ryari rigizwe n'abahagarariye Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA), Ingabo na Polisi baje mu gikorwa cyo kugenzura ibyakozwe mu marushanwa y'isuku n'isukura, umutekano, kurwanya imirire mibi n'igwingira mu bana.

Bimwe mu byo bagenzuye birimo Ingo Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECDs), ingo zizizikikije, isuku muri rusange n'ibindi.

Ku wa 06 Gicurasi 2024, ni bwo Umurenge wa Gasaka wari wasuzumwe n'itsinda ryari ryaturutse ku Biro by'Intara y'Amajyepfo.

Muri aya marushanwa, Umurenge uzaba uwa mbere ku rwego rw'Intara uzahembwa imodoka.



***Itsinda ry'Intara ni ryo ryabanje gusuzuma Umurenge wa Gasaka***



***Ibikorwa by'isuku n'isukura ni bimwe mu byibanzweho cyane muri iri suzuma***

# MUSEBEYA: UMUYOBOZI W'AKARERE YASHIMIYE ABAKURU B'IMIDUGUDU N'ABATURAGE BAGIZE URUHARE MU ISHYIRWA MU BIKORWA RY'AGASHYA KA "MBIKORE NANJYE BIROROSHYE"



***Meya NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Murenge wa Musebeya***

Ku wa 21 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere Lt Colonel John AGABA yayoboye Inteko y'Abaturage mu Murenge wa Musebeya yanahembewemo Abakuru b'Imidugugu bagize uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'agashya kiswe "Mbikore Nanjye Biroroshye".

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'uyu Murenge kugira umuco wo gukora cyane bihatira gukora amasaha menshi no guhuza ubutaka kandi bakabuhingaho igihingwa cyatoranyijwe mu rwego rwo kongera umusaruro.

Yabasabye kandi kwirinda no kurwanya amakimbirane mu miryango, ubuzererezi, ubuharike n'ubushoreke.

Yabibukije ko mu kwezi kwa Nyakanga hari igikorwa gikomeye ari cyo cy'amatora y'Umukuru w'Igihugu n'ay'Abadepite, abasaba kukitegura neza bareba ko bari kuri lisiti y'itora no kwihutira gufata indangamuntu ku batazifite.

Muri iyi Nteko y'Abaturage, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yaboneyeho n'umwanya wo gushimira Abakuru b'Imidugudu igize Umurenge wa Musebeya na bamwe mu baturage bagize uruhare muri "Mbikore Nanjye Biroroshye".

Aka ni agashya Umurenge wa Musebeya wihariye, aho gafasha abaturage mu kuzigama umusanzu w'Ubwisungane mu Kwivuza.

Binyuze muri aka gashya, buri muturage yizigamira nibura amafaranga 100 y'u Rwanda buri cyumweru.

Aya mafaranga akusanywa n'Abakuru b'Imidugudu, akabikwa mu Umurenge SACCO, umwaka washira abaturage bagatangirwa umusanzu w'Ubwisungane mu Kwivuza.



***Meya NIYOMWUNGERI yashimiye Abakuru b'Imidugudu n'abaturage bagize uruhare rukomeye mu ishyirwa mu bikorwa ry'agashya ka "Mbikore Nanjye Biroroshye"***

# INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YEMEJE BWANA SAMVURA VALENS NK'UMUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA W'AKARERE



*Inama Njyanama y'Akarere yemeje SAMVURA Valens nk'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere*

Ku wa 20 Gicurasi 2024, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO yayoboye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yemerejwemo Bwana SAMVURA Valens nk'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere.

Kuva mu kwezi kwa 12, umwaka ushize wa 2023, Akarere ka Nyamagabe ntikagiraga Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere nyuma yuko Bwana Alfred NGARAMBE wari uri muri uyu mwanya asezeye ku mirimo ye.



*Bwana SAMVURA Valens ni we wemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere nk'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyamagabe*

Nyuma yo gushyira umwanya ku isoko, Bwana SAMVURA Valens ni we waje ku mwanya wa mbere mu manota.

Nk'uko biteganywa n'itegeko, mbere yo gutangira imirimo abanza kwemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere.

Ni muri urwo rwego, inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe yateranye ku wa 20 Gicurasi 2024, kwemeza Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere byari ku murongo w'ibyigwa.

Nyuma yo kwemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere, Bwana SAMVURA Valens yahawe ikaze mu Karere anifurizwa imirimo mishya.

Iyi nama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yitabiriwe kandi n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo w'Akarere, Bwana NDAYAMBAJE Aimé Joël, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'Abayobozi b'Amashami, yanemeje imishinga y'inyungu rusange, inasuzuma ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y' iterambere ry' Akarere (DDS) yo kuva mu mwaka wa 2018 kugeza mu wa 2024 n'iry'iyo kuva mu wa 2024 kugeza mu wa 2029.

# ABASENATERI BO MURI KOMISIYO YA POLITIKI N'IMIYOBORERE MURI SENA BASUYE AKARERE BAGANIRA N'UBUYOBOZI N'ABATURAGE KU MIHIGO



*Abasenateri bo muri Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere muri Sena basuye Akarere*

Ku wa 16 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye Honorable Senateri NSENGIYUMVA Fulgence na Honorable Senateri MUPENZI George bo muri Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere mu Nteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena bagiriye uruzinduko rw'iminsi 2 mu Karere.

Nyuma yo kwakirwa n'Ubuyobozi bw'Akarere, aba Basenateri baherekejwe na Visi Meya Ushinzwe Ubukungu, Bwana HABIMANA basuye Umurenge wa Kitabi bagirana ibiganiro n'ibyiciro by'Abayobozi bahagarariye abandi.

Ibi biganiro byibanze ku bikorwa byakozwe mu mihigo y'Akarere mu gihe cy imyaka 3, ni ukuvuga kuva mu mwaka wa 2021 kugeza mu wa 2024.

Nyuma yo kuganira n'Abayobozi, bitabiriye Inteko y'Abaturage nayo yabereye muri uyu Murenge baganira n'abaturage.

Ikiganiro bahaye Abaturage cyagarutse ku ruhare rwabo mu mihigo y'Akarere. Muri uyu Murenge, kandi basuye Isoko ryubakiwe abaturage n'urugo rw'umwe mu batuye muri uyu Murenge.



*Abasenateri bo muri Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere basuye Akarere baganirije Abaturage b'Umurenge wa Kitabi ku bijyanye n'uruhare rwabo mu mihigo y'Akarere*

Abasenateri basabye Ubuyobozi bw'Akarere gushishikariza abaturage kugira ikayi y'imihigo no kuyikurikirana, gufasha umuturage kurenga guhiga ibijyanye n'imibereho myiza bakajya no mu by'iterambere, kurushaho guha umuturage umwanya mu itegurwa ry'imihigo n'ibindi.



*Mu ruzinduko rw'iminsi 2 bagiriye mu Karere, Abasenateri bo muri Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere basuye Isoko riherereye mu Murenge wa Kitabi*

## ABAKOZI N'ABIKORERA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 MU CYAHOZE ARI PEREFEGITURA YA GIKONGORO BIBUTSWE, HANENGWA ABAYOBOZI N'ABAKOZI BAYIGIZEMO URUHARE



***Minisitiri wa MIFOTRA Prof. BAYISENGE yifatanyije n'Ubuyobozi bw'Akarere mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Abakozi n'Abikorere b'icyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

Ku wa 24 Gicurasi 2024, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo akaba n'Imboni y'Akarere ka Nyamagabe, Prof. BAYISENGE Jeannette yifatanyije n'Ubuyobozi, Abakozi n'Abikore bo mu Karere, mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Abakozi n'Abikorera b'icyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Iki gikorwa cyabanjirijwe no gushyira indabo ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi ruruhukiyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 isaga ibihumbi 50 no ku kimenyetso cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 giherereye ku Biro by'Akarere.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ari urubuga rwiza rwo kongera kuzirikana inshingano Abayobozi, Abakozi n'Abikorera bafite zo kurinda aho bakorera n'igihugu muri rusange icyatuma Abanyarwanda bacikamo ibice.

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Prof. BAYISENGE Jeannette yavuze ko bibabaje cyane kubona Abayobozi n'Abakozi bari bafite inshingano zo guharanira no kubungabunga ubuzima bw'abaturage bazitatira, bakabarimbura.




***Minisitiri Prof. BAYISENGE yavuze ko bibabaje kuba abari bafite inshingano zo kurokora abantu ari bo babarimbura***

Igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Abakozi n'Abikorera b'icyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyasojwe no kuremera bamwe mu bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batishoboye.



***Abikorera mu Karere baremeye bamwe mu bacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batishoboye aho buri muryango wahawe inka iri no mu bwishingizi***

# UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA GICURASI 2024 WIBANZE KU BIKORWA BYO KURWANYA ISURI



***Umuganda usoza ukwezi kwa Gicurasi wibanze ku bikorwa byo kurwanya isuri***

Ku wa 25 Gicurasi 2024, Umuganda ngaruka kwezi usoza ukwezi kwa Gicurasi abaturage bo mu Turere twa Nyamagabe, Ruhango na Karongi, bawukoze basibura imirwanyasuri mu nkengero z'imigezi ya Mwogo na Mbirurume ikora isoko ya Nyabarongo.

Muri icyo gikorwa cy'Umuganda kandi hanatangijwe icyumweru cy'Ibidukikije mu Rwanda, mu rwego rwo kwitegura umunsi mpuzamahanga w'Ibidukikije wizihizwa buri mwaka tarikiya 5 Kamena.

Minisitiri w'Ibidukikije, Dr. MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc yavuze ko Umuganda wo kuri uwo munsi ujyanye n'insanganyamatsiko y'Umunsi Mpuzamahanga w'Ibidukikije y'uyu mwaka igira iti: "Dusubiranye ubutaka bwangiritse, twongere ubudahangarwa, turwanya ubutayu n'amapfa (Land Restoration, Desertification and Drought Resilience)".

Yaragize ati: "Iyi nsanganyamatsiko ifite ubutumwa buhamagarira buri muturarwanda by'umwihariko inzego za Leta, Abikorera, Abafatanyabikorwa, Amakoperative n'andi mashyirahamwe akorera mu Rwanda gusenyera umugozi umwe tukongera imbaraga n'imyitwarire ivuguruye mu bikorwa bigamije gufata neza no gusubiranya ubutaka bwangiritse, kurwanya isuri, gufata neza amashyamba, ibishanga, amasoko y'amazi, imigezi n'ibiyaga kuko ari byo shingiro ry'ubukungu bw'Igihugu cyacu. Ni ho dukura umusaruro w'ibidutunga n'ibyo dusagurira amasoko, bikaba n'isoko y'imibereho myiza, ubukerarugendo no kubona umwuka mwiza".



***Minisitiri w'Ibidukikije Dr. MUJAWAMARIYA yasabye buri wese kugira uruhare mu kubungabunga ibidukikije***




***Umuganda Rusange wa Gicurasi wahujwe no gutangiza Icyumweru cy'Ibidukikije***

# KIBUMBWE: MU GIKORWA CYO KWIBUKA KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994, ABABYEYI BASABWE GUTOZA ABANA BABO INDANGAGACIRO NA KIRAZIRA BY'UMUCO NYARWANDA




***Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Madame UWAMAHORO n'Abayobozi b'Akarere Bungirije bifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Kibumbwe n'inshuti zabo mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

Ku wa 25 Gicurasi 2024, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Madame Clotilde UWAMAHORO, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo w'Akarere, Bwana NDAYAMBAJE Aimé Joël, abagize Inama Njyanama y'Akarere, abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, abahagarariye Amadini n'Amatorero yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Kibumbwe n'inshuti zabo, mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 muri uyu Murenge.

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO yasabye ababyeyi gutoza abana babo indangagaciro na kirazira by'Abanyarwanda. By'umwihariko yasabye urubyiruko kurwanya uwo ari we wese washaka kubacamo ibice.




***Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Madame UWAMAHORO yasabye ababyeyi kwigisha abana babo indangagaciro z'umuco nyarwanda***

Igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Murenge wa Kibumbwe cyasojwe no kunamira abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 baruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Kibumbwe.



***Imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Kibumbwe yarunamiwe***

## GUTANGA INZITIRAMIBU MU KARERE BYATANGIRIJWE MU KIGO NDERABUZIMA CYA NYAMAGABE



***VM ASOC UWAMARIYA aganiriza abaturage mbere yo guhabwa inzitiramibu***

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye igikorwa cyo gutanga inzitiramibu zikoranye umuti ku rwego rw'Akarere mu Kigo Nderabuzima cya Nyamagabe.

Nyuma yuko bigaragaye ko Akarere ka Nyamagabe kari mu twibasiwe n'indwara ya Malaria, Minisiteri y'Ubuzima ibinyujije mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC) yateganyije guha buri muturage w'Akarere ka Nyamagabe inzitiramubu ikoranye umuti mu rwego rwo guhangana n'iyi ndwara.

Ku wa 06 Gicurasi 2024, ni bwo ku rwego rw'Akarere izi nzitiramibu zatangiye gutangwa.



***Gutanga inzitiramibu mu Karere byatangirijwe mu Kigo Nderabuzima cya Nyamagabe***

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA wayoboye iki gikorwa yasabye abahawe inzitiramibu kuzikoresha neza.

Yaragize ati: "Izi nzitiramibu muhawe muzikoreshe neza. Ntimuzigurishe kuko ntizagenewe kugurishwa cyangwa kuzikoresha ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose. Malaria ni indwara mbi, yica kandi vuba, binoroshye kuyirinda."

Igikorwa cyo gutanga inzitiramibu zikoranye umuti ku baturage bose b'Akarere ka Nyamagabe, cyaje gikurikira amahugurwa yahawe abagize ibyiciro byihariye bo mu Mirenge ya Gasaka na Kibumbwe bazahugura abandi.

RBC ivuga ko buri myaka hagati y'ibiri n'itatu hatangwa inzitiramubu zikoranye umuti zisimbura izishaje.

Inzitiramibu zaherukaga gutangwa muri 2022.





***Buri rugo rwo mu Karere ka Nyamagabe rwahawe inzitiramibu zikoranye umuti mu rwego rwo guhashya indwara ya Malaria***

# ABASAGA 500 BAKUZE BO MURI NYAMAGABE, BASOJE AMASOMO Y'ICYICIRO CYA 3 YO KUBARA, GUSOMA NO KWANDIKA




***Bamwe mu bakuze bo mu Turere twa Nyamagabe, Nyanza, Gisagara na Huye bahawe na DUHAMIC-ADRI, amasomo yo kwandika, gusoma no kubara***

Ku wa 29 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye umuhango wo gusoza icyiciro cya 3 cy'abakuze barangije amasomo yo kwandika, gusoma no kubara bo mu Karere ka Nyamagabe, Huye, Gisagara na Nyanza wabereye mu Karere ka Huye yatanzwe na DUHAMIC-ADRI ku nkunga ya GRIEG FOUNDATION.



***Abakuze bize gusoma, kubara no kwandika berekanye ko babimenye neza***

Abasoje aya masomo bemeza ko bayafashe neza kandi yabafashijwe kwitinyuka.

Umwe muri bo yaragize ati: "Ntaramenya gusoma no kwandika, natinyaga kuba nagana ubucuruzi kuko nari mfite ubwoba bw'uko abakiriya bajya banyiba. Ariko ubu naritinyutse, ndacuruza kandi ibintu bigenda neza."Undi nawe ati: "Hari igihe nashakaga guhamagara umuntu, bitewe nuko ntari nzi gusoma, ngashiduka nahamagaye utari we. Ariko ubu na message (ubutumwa bugufi) ndayandika."




***Bamwe mu bakuze bize gusoma, kubara no kwandika bavuga ko byabatinyuye cyane***

Mu basaga 2800 basoje aya masomo muri iki cyiciro, 505 barimo abagore 422 ni abo mu Karere ka Nyamagabe.

Muri rusange abakuze bo mu Karere ka Nyamagabe bahawe aya masomo mu gihe cy'imyaka 3 ni 2629.




***Mu basoje aya masomo mu cyiciro cya 3, 505 ni abo mu Karere ka Nyamagabe***

# ABARI ABAKOZI B'URUGANDA RW'ICYAYI RWA KITABI (KITABI TEA FACTORY) BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BIBUTSWE



***Meya NIYOMWUNGERI yitabiriye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ku Ruganda rw'Icyayi rwa Kitabi***

Ku wa 30 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe na Lt Colonel Sam GAHIGI, Umuyobozi wa Brigade ya 307 yifatanyije n'Ubuyobozi n'Abakozi b'Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi (Kitabi Tea Factory), mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 abari Abakozi b'uru Ruganda bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umuyobozi Mukuru w'Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi (Kitabi Tea Factory), Hushara Pinidiya yavuze ko kwibuka Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bifasha kudaheranwa n'amateka mabi yaranze igihugu, kandi Ubuyobozi bw'Uruganda bwifatanyije n'ababuze ababo ndetse n'abaharokokeye.

Yaragize ati: "Kwibuka, bidufasha kudaheranwa n'amateka mabi yaranze igihugu cyacu, bikanatwubakamo icyizere cy'ejo hazaza. Twifatanyije n'ababuriye ababo ndetse n'abarokokeye hano".

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye abakora mu Ruganda rw'Icyayi rwa Kitabi n'abandi baturage kurangwa n'ubumwe no kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside.

Yaragize ati: "Icyo dusaba Abakozi b'Uruganda rwa Kitabi n'abandi baturage, ni ukwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside iyo ari yo yose."

Mu iki gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 abari Abakozi b'Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abafite ababo biciwe muri uru Ruganda bifuza ko uwari Umuyobozi witwa Kamodoka Denis wagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yashakishwa, akaryozwa ibyo yakoze.



***Meya NIYOMWUNGERI yunamira Abakozi b'Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

## NYAMAGABE: ITORERO RY'ABAMETODISITE RYAGABIYE INKA IMIRYANGO 18



*Inka 18 ni zo zatanzwe na EMLR mu Mirenge ya Gatare na Buruhukiro*

Ku wa 14 Gicurasi 2024, Umushinga RW0184 ukorera mu Itorero EMLR (Eglise Methodiste Libre au Rwanda) Paruwasi ya Nganzo, iherereye mu murenge wa Gatare, ku nkunga ya Compassion International Rwanda wagabiye inka imiryango 18 ifite abana bafashwa n'uyu mushinga kugira ngo barusheho kubaho neza no kwiteza imbere.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yavuze ko abaturage bakwiye kurushaho gusobanukirwa ko batakiri abagenerwabikorwa ahubwo ari abafatanyabikorwa, bityo bakarushaho kugira uruhare mu kwiteza imbere bahereye ku kubyaza umusaruro uko bikwiye ibyo bahabwa.

Yaragize ati "Iyo uri umufatanyabikorwa wiyumvamo inshingano ko nawe hari icyo ugomba gukora. Mukomeze gukora cyane muharanira gutera imbere no kubaho neza natwe tubijeje ubufatanye kugira ngo mukomeze gutera imbere."

Imiryango yagabiwe yibukijwe ko inka yahawe nizimara kororoka na yo izoroza indi mu rwego rwo gukomeza gushyigikira gahunda ya "Girinka Munyarwanda".

## NYAMAGABE: HASOJWE ICYUMWERU CY'UBUREZI GATOLIKA MURI DIYOSEZI YA GIKONGORO

Ku wa 30 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye umuhango wo gusoza icyumweru cy'uburezi mu rwego rwa Diyosezi Gatolika ya Gikongoro

Ibirori byabimburiwe n'igitambo cya Misa.

Uyu muhango waranzwe n'imbyino, imivugo byagarukaga ku nsanganyamatsiko igira iti: "Umunyeshuri usukuye, mu Ishuri risukuye."

Mu ijambo rye, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yashimiye abihaye Imana ku buryo bimakaza isuku n'imitsindire mu Bigo by'Amashuri bayobora.

Yashimiye kandi Abayobozi b'Amashuri bo mu Karere ka Nyamagabe ku buryo bita ku Gitondo cy'Isuku, bikaba birimo gutanga umusaruro mwiza ku isuku mu Mashuri.

## UMUYOBOZI W'AKARERE YATANZE IKIGANIRO KURI RADIO SALUS KIGARUKA KU MYITEGURO Y'AMATORA Y'UMUKURU W'IGIHUGU N'AY'ABADEPITE AZABA MURI NYAKANGA



***Meya NIYOMWUNGERI yitabiriye na Meya MURWANASHYAKA wa Nyaruguru bitabiriye ikiganiro cyavugaga ku Matora ataha***

Ku wa 27 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru Bwana Emmanuel MURWANASHYAKA batanze ikiganiro kuri Radio Salus cyagarutse ku myiteguro y'Amatora y'Umukuru w'Igihugu n'ay'Abadepite azaba ku wa 14 no ku wa 15 Nyakanga 2024.

Iki kigniro kitabiriwe kandi na Ruzigamanzi Jean Baptiste, Umuhuzabikorwa wa Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro muri Diyosezi Gatolika ya Gikongoro (CJDP) na Kagabo Sylvestre, Umuhuzabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) mu Turere twa Nyaruguru na Nyamagabe.



***Ikiganiro kitabiriwe kandi n'uhagarariye Nec hamwe n'uhagarariye CJDP***



***Meya NIYOMWUNGERI wa Nyamagabe na Meya MURWANASHYAKA wa Nyaruguru basabye abaturage b'utu Turere kwitegura neza Amatora***

## URUBYIRUKO KU ISONGA MU BYICIRO BYUGARIJWE N’IBIYOBYABWENGE



*VM FED yayoboye inama ya Komite yo kurwanya ibiyobyabwenge mu Karere*

Ku wa 27 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye inama ya Komite yo kurwanya ibiyobyabwenge mu Karere.

Iyi nama yitabiriwe n'abafite aho bahuriye no kurwanya ibiyobyabwenge mu Karere, yagaragarijwemo uko ikoreshwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge rihagaze mu Rwanda by'umwihariko mu rubyiruko. Yafatiwemo kandi ingamba zo kubirwanya, buri wese abigizemo uruhare.



*Inama yitabiriwe n’abafite aho bahurira no kurwanya ibiyobyabwenge*




*Umwe mu bemeza ko bari barabaswe n’ibiyobyabwenge akaza kubireka, yatanze ubuhamya bugaruka ku bubi bwabyo*

## ABAYOBOZI B'AKARERE BAYOBOYE INTEKO Z'ABATURAGE MU MIRENGE ITANDUKANYE



*Meya NIYOMWUNGERI ayoboye inteko y'abaturage*

Ku wa 28 Gicurasi, abagize Komite Nyobozi y'Akarere bayoboye inteko z'abaturage mu Mirenge itandukanye igize Akarere, baganiriza abaturage kuri gahunda za Leta zitandukanye, bakira ndetse banakemura ibibazo byabo.

Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi wa Brigade ya 307 ikorera muri tumwe mu Turere tw'Intara y'Amajyepfo turimo n'aka Nyamabage, Lt Colonel Sam GAHIGI, yayoboye inteko y'abaturage mu Kagari ka Mutiwingoma, mu Murenge wa Mbazi.

Meya NIYOMWUNGERI yaganirije abaturage bo muri aka Kagari kuri gahunda za Leta zitandukanye zirimo Amatora y'Umukuru w'Igihugu n'ay'Abadepite azaba ku muri Nyakanga 2024, abasaba kuyitegura neza bihutira kureba ko bari kuri lisiti y'itora no gufata indangamuntu ku batazifite.



*Umuyobozi w'Akarere yaganirije abaturage ba Mbazi kuri gahunda za Leta zitandukanye*

Lt Colonel Sam Gahigi, we yasabye abaturage ba Mutiwingoma kugira uruhare mu gucunga umutekano.



*Umuyobozi wa Brigade ya 307 yasabye abaturage kugira uruhare mu kwicungira umutekano*

Bafatanyije n'Ubuyobozi bw'Umurenge wa Mbazi n'ubw'Akagari ka Mutiwingoma, bakiriye ibibazo by'abaturage kandi bihabwa umurongo.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA ari kumwe n'Umuyobozi w'Inkeragutabara mu Karere, Lt Colonel John AGABA, bo inteko y'abaturage bayikoreye mu Murenge wa Mushubi.

Basabye abaturage kwitegura Amatora y'Umukuru w'Igihugu n'ay'Abadepite azaba muri Nyakanga 2024, gukora cyane mu rwego rwo kwikura mu bukene, kugira uruhare mu kwicungira umutekano n'ibindi.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA, inteko y'abaturage yayiyoboye mu Murenge wa Gatare.

Yasabye abaturage kwitegura neza Amatora y'Umukuru w'Igihugu n'ay'Abadepite azaba muri Nyakanga 2024, bihutira kureba ko bari kuri lisiti y'itora no kwihutira gufata indangamuntu ku batazifite.

Yabaganirije kandi kuri gahunda ya GiraWigire yo kwivana mu bukene n'izindi.



*Muri izi nteko z'abaturage, Abayobozi bakiriye ibibazo kandi bihabwa umurongo*

# INTARA YAKOREYE AKARERE ISUZUMA RY'IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2023-2024



*Itsinda ry'Intara riyobowe na Gitifu w'Intara ryakoze isuzuma ry'imihigo y'Akarere*

Ku wa 23 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n' Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana Thaddée HABIMANA hamwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Madame Agnès UWAMARIYA bakiriye Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo Bwana Vedaste NSHIMIYIMANA n'itsinda yari ayoboye.

Bari baje mu gikorwa cyo gusuzuma imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2023-2024.

Nyuma yo kugaragarizwa mu nyandiko uko iyi mihigo iri kwesa, iri tsinda ryigabanyijemo amatsinda 3 yayobowe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere ajya gusuzuma ibikorwa mu Mirenge itandukanye.

Itsinda ryari rigizwe n'Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, ryakoreye isuzuma ry'imihigo y'umwaka wa 2023-2024 mu Murenge wa Kaduha.

Muri uyu Murenge, basuye Ikaragiro Rito ry'Amata rihererye mu isanteri ya Kaduha, umuyoboro w'amazi n' umuryango wa Nziranziza Jean Damascène utuye mu Mudugudu wa Nyaruryango, mu Kagari ka Murambi wafashijwe kuvugurura inzu utuyemo.




*Meya NIYOMWUNGERI na Gitifu w'Intara bakoreye isuzuma mu Murenge wa Kaduha*

Umuyobozi w' Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye itsinda ry'Abakozi b'Intara ryakoreye isuzuma ry'imihigo y'Akarere mu Mirenge ya Kitabi, Tare na Gasaka.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye itsinda ryakoreye isuzuma ry'imihigo y'Akarere mu Mirenge ya Gatare na Musebeya.

Nyuma yo gusura ibi bikorwa, aya matsinda yarahuye agaragariza Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Madame Alice KAYITESI ibyavuye mu isuzuma.

## UMUYOBOZI W'AKARERE YIFATANYIJE N'ABATURAGE MURI SIPORO RUSANGE

Ku wa 26 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n'abaturage b'Akarere by'umwihariko abo mu Murenge wa Gasaka muri siporo rusange izwi nku izina ry'Imparirwamihigo Sport yabereye ku Kigo cy'Urubyiruko cya Nyamagabe.

Abitabiriye iyi siporo bapimwe ku bushake indwara zitandura.

Umuyobozi w'Akarere Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye abayitabiriye, kuzitabira Amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite, bihutira kureba ko bari ku ilisiti y'itora no gufata indangamuntu ku batazifite.



***Umuyobozi w'Akarere yifatanyije n'abatuye Akarere ka Nyamagabe by'umwihariko abo mu Murenge wa Gasaka muri siporo rusange***

Ku wa 30 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA ari kumwe n'itsinda ryaturutse mu gihugu cya Scotland na WaterAid Rwanda na WaterAid Scotland basuye ibikorwa bateyemo inkunga biherereye mu Murenge wa Kaduha.

Muri G.S Kaduha Saint Anibal, basuye Icyumba cy'Umukobwa, ubwiherero budaheza na Club y'Isuku.

Muri TVET Kaduha, basuye ibikorwa birimo Club y'Isuku.

Abanyeshuri biga muri ibi Bigo, bahawe ibikoresho binoza isuku mu Bigo byabo ndetse no mu ngo.

Ku Bitaro by'Akarere bya Kaduha, basuye ubwiherero budaheza n'ibindi kandi bishimiye ko bikora neza.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Bwana Thadée HABIMANA yashimiye aba Bafatanyabikorwa, ku ruhare bagira mu gufasha abaturage b'Akarere kunoza isuku n'ibindi.

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**